

**YEZU ABONEKERA ANYESI KAMAGAJU
I KIBEHO TARIKI YA 30/7/1983.**

Uwanditse ibi ntabwo yari ahiberewe ubwe, ariko yatiye cassette y'iryo bonekerwa.

Aho musanga utumenyetso dushushanyije dutya: ===== mumenye ko ari nk'ijambo cyangwa interuro bitashoboye kumvikana neza kuri cassette mu gihe umwana ubonekerwa yavuganaga na Yezu umubonekera.

- =====
- Indirimbo: Ngwino Yezu Mukiza.
- Twari tukwiteguye ko turi bubonane nawe =====
- Ntabwo nashoboye ===== uko nari nabiteguye.
- ===== ariko, uko nabitekerezaga siko byagenze.
- (Anyesi araseka). Nakwishima kurushaho kandi biri hafi cyane =====
- (Anyesi araseka na none)
- Indirimbo: Ngwino Yezu Mukiza.
- Ni iyo nari nsanzwe mbasanganiza nk'uko mwabimbwiye.
- Ndabona muri heza cyane ku buryo ntabona uko mbigereranya!
- Murakoze.
- Murabuzwa n'iki se ko muvuga uti: AMAKURU NKUGEZAHO N'AYO UDUFITIYE NGO
===== AHANDI UYAVUGA.
- (Anyesi araseka). Ni menshi cyane se?
- Nanjye ni menshi mbafitiye ariko rero ayanyu ni yo menshi cyane.
- Oya, ntabwo njyewe numva nabanza kubagezaho. Ni mwebwe mubanza kungezaho ibyanyu. Kuko ndumva ntabona aho ntangirira mutampaye igihe.
- =====, roho cyane.
- Ntabwo byancitse.
- N'ibyo yangejejeho, ntabwo yansobanuriye bihagije. Yambwiye ko ari mwebwe byose uyu muni muzabinsobanurira.
- Hari ibyo yanciragaho amarenga, hari n'ibyo yambwiraga, ariko sinshobora kuba nabyisobanurira.
- Ariko se mutagombye kubimbaza, ubwo ntabwo mubyiruziye kandi namwe ntimbabirebaga ?
(Anyesi araseka).
- Indirimbo : Ngwino Yezu Mukiza (atera igitero cyayo : Nta rukundo rwaruta)
- Nk'ubungubu iyo tubiteze, TWIRIRWA TUBAHANZE AMASO, DUTEGEREJE KO MUDUFUNGURIRA IMITIMA, KANDI TUBA TUZI KO IYO MWAJE, ROHO ZACU ZOSE ZIFUNGURIWE.
- Yambwiye yuko igice cya mbere ari icy'agahinda, icya kabiri kikaba ibyishimo naho icya gatatu kikaba icy'agahinda na none.
- Ubwo se ibyo mumbwira biri buntere agahinda cyane ku buryo mbabara ni nk'ibihe ?
- Ntacyo bitwaye nizeye ko muri buze kumpoza.
- Njye ntabwo nzi byagomba kumbabaza. Ubwo ni ibiki koko ?
- Oya ntabwo mbirambiwe kandi =====
- Ntabwo namenya kwihitiramo.
- Njyewe nihitiyemo nahitamo nabi.
- Indirimbo: Ni wowe nzira nziza, ni wowe Jambo wa Rurema.
- Ko mutangiye kumbabaza hakiri kare !
- Ibyo byose mumbwira ndumva nayobewe !
- Ni bibi cyane se kubera iki ?
- Nibyo mwangeneye se ?
- Kugeza ubu nabonaga ari mwiza ntabwo yari mubi !

- Nzajya kwiruhutsa navunitse cyane !
- Murakoze. Ndabibashimiye. Ibyo muvuze turabigarukaho ubundi.
- Yewe, noneho ntabwo mufite ===== uko ubishatse kose, muzakore uko mubishaka. UGUSHAKA KWANJYE NTIKUBE ARI KO MUKURIKIZA.
- Aho ho nakwishima.
- Ndabona ari heza kandi hameze neza.
- =====
- Burya bwo ntabwo mwangejejeho ibintu byinshi. Ni nk'amagambo ageze kuri atanu. Ntabwo mwarengeje aho.
- Ni igisobanuro cya bya bindi mwampaye, mumbwira n'ibyo muzambwira kuri uyu muni ; ariko ntimwabinsobanurira neza. Ubundi mugenda mumbwira n'utundi tuntu, duke cyane.
- Kereka umuntu umwe gusa niwe nabigejejeho. Uko mwambwiye yuko mwabisobanuye. Nabonaga atari ngombwa kubimuhisha.
- Nabyo se murabingezaho uyu muni?
- Byose mbiteze amatwi kandi mbihanze amaso.
- (Anyesi araseka) Ko muvuga se ===== uyu muni! Hariho abo byari byarangiyeye, ngira ngo ubu bagerageza kwishima uko bashoboye.
- Bamwe bawishimira abandi bakababara. Bikagenda bisimburana gutyo.
- Aho mpagirira ubwizere, uko =====, kandi n'ibyishimo byinshi. Ntacyo ===== ntacyo byose bizaba bitwaye.
- Erega SI MWE GUSA MUBABARA! N'abo ku isi barababara!
- Uko mubishaka mukore uko nguko.
- Ntabwo mbyifuza, kuko mwambwiye ko UKWIFUZA ARI BIBI.
- Aho ho buri muntu wese..., kuki se UMBUJIJE KUBIRANGIZA? (Anyesi araseka)
- Indirimbo: Umwami ageze iwacu. (Igitero cyayo kimwe ntiyakirangiza).
- Sinkizi!
- Ibyo ari byo byose ngize ihirwe.
- Yee, urakoze, kuko ===== kandi turi kumwe, birutwa no kubyihorera.
- Amakuru yanjye kandi n'ayo ku isi ni meza cyane.
- Ntabwo mbabeshya. Ni byiza.
- N'ubundi, ===== ni byiza. Ubu sinavuga ngo ni bibi. Navuga ngo ni byiza.
- Turagerageza.
- Oya si ukwirarira. Mbona tugerageza uko intege za muntu zingana zose.
- Ibyo simbizi ariko hariho uwo binanira yagerageje uko ashoboye kose.
- Ku ntungane nta gihe bishira.
- (Anyesi avuga yongorera) ndabona namwe mudaseka, shwi! Ariko rero..., birazaryari se ikintu kigusetsa?
- Ni byo byiza.
- Muri iki gihe abaguhugukiye ni benshi.
- Ntabwo ari ku bwabo, ni mwebwe mwabigaruriye.
- ===== wa mbere se si mwebwe?
- Ni koko. None se, TUTAGUTARAMIYE TWATARAMIRA NDE WUNDI UREBA NAWE KOKO !!!
- ===== kandi utari bwishime. Urakoze, urakoze turishimye cyane ibyo ari byo byose.
- Indirimbo : Twe abayoboke ba Yezu Kristu.
- NDUMVA UNDEMYE AGATIMA! N'UMUBYEYI WAVE UBWO AHERUTSE KUZA YATUREMYE AGATIMA.
- Kuko uvuze uti: N'UBWO MUNSUZUGURA, HARIHO ABANSUZUGURA RWOSE, NTACYO, NZAJYA NCA INKONI IZAMBA. Ndabashimiye Nyagasani!!!

- Ubundi ijambo yambwiye ni uko ATAZADUTERERANA NAHO BYAMERA GUTE.
- Kandi hari n'aho mwiyeze kumbwira muti: N'UBWO MBAHENDAHENDA MUKANANIRA, NZAKOMEZA MBAGUYAGUYE MBAGERAGEZE.
- Ujye ukomeza utuguyaguye kandi uduhe inema zo kudufasha kugushobokera rwose. Tugushobokere mu byo utwifuzaho byose kugukorera, tugushobokere mu nzira ujya ukunda kutuganishamo izo ari zo zose.
- Amatwi yumva ibidushuka, tujye tuyaganisha hirya cyane. Dutege ijambo mutubwira.
- ===== naza nkabibatura, mukaba mumbwiye muti: USHIGAJE RIMWE GUSA!
- Ndababaye!!!
- N'aho tuzaba turi kumwe, ariko rero tuzaba turi kumwe ibyo byo, nzaba ngufite cyane. Ariko ubu, ndishima kuko nkubwira ukansubiza; icyo gihe nzajya nkubwira, ntegereze =====. Nzashyirwa gute se kandi ntazaba nkureba ngo unshyirwa?
- Kuki se muta =====
- =====
- Ni ukuzasigara nipfumbase, nk'agapfubye katagira iyo kagana!!!
- Murakoze, kuko muvuye mu mubwira ukubwira nzajya =====
- ===== kubagana, hari inzira nyinshi, nizeye yuko munsobanurira iyo ari yo.
- =====
- Kugukunda ko, ubundi ntabwo mbanga. Ndabakunda.
- Ngo: UGUKUNDA AGOMBA KUKWIYEGURIRA, N'IBYE BYOSE AKABYEGURA, KANDI AKIHARA AKAGUKURIKIRA.
- NZAGUKURIKIRA, AHO UZANGANISHA HOSE.
- NZAGUKORERA UKO UBYIFUZA KANDI UBINYIFUZAHO.
- Ibyo sinabimenya ni mwebwe mubizi.
- Ubwo se kuzifungurira ni nko kubigenza gute?
- Ntabwo bizaba ari ibyanjye bizaba ari ibyanyu.
- Nzabyemera. Ariko kandi nabyo si ku mbaraga zanjye ni ku zanyu.
- Nzabyemera. Nemere ko ari mwebwe mwayingiriye, kandi ari ko mwabishatse.
- =====
- Ntabwo bimbabaje kandi ntibinshimishije.
- Indirimbo: Yezu Mwami w'ishema.
- ===== nk'uko umaze kubimbwira byose, ubwo se nta..., nta n'ubwo nzajya nshobora no kuvuga! Nzajya numirwa gusa! Nako ===== ni uguceceka
- =====
- Oya ntabwo nabibwira undi. ===== si ku mbaraga zanjye; ariko se, ubu navuga ndeba abantu koko nkabona aho ndeba!!!
- Ubu se nakuvugisha kandi nkababona?
- Uko mbishaka kose!!! Reka!
- Hari aho..., hariho abavugisha umuntu batareba hasi!!! Abo rero twajya dukubitana amaso nkabura uko nakwifata!
- Icyo gihe nzaba mbarimo hagati, nabo..., icyo gihe si ku mbaraga zanjye, ariko narangiza nkabura ukuntu mbigenza.
- =====
- Ariko namwe ndabona mbabonera hafi cyane!
- Hari amaso menshi cyane!
- Ndebye agace gatoya cyane nsanga =====
- =====
- Mbonye KOKO BAMEZE NK'ABANTU BITEGUYE UBUKWE! Bameze neza cyane !!! (ANYESI YARI YEMEREWE MURI AKO KANYA, KUREBA IMBAGA Y'ABANTU YARI ITERANIYE AHO I KIBEHO. UBUNDI ABO BANA BABONEKERWA, IYO BABONANA

N'UBABONEKERA, BARATWARWA NTIBAMENYE KO AHO HARI ABANTU. NIYO MPAMVU WUMVA HABA UBWO BAVUZE BATI : NI UKO NYINE ARI WOVE MBWIRA NTA WUNDI UTWUMVA, ATI NAHO UBUNDI NTAWA NZABWIRA. ARIKO IBYO BIBA KU MAGAMBO ABA ATARI AMABANGA).

Ubwo amaze kureba abantu bari aho, amaze no kumubwira uko ababonye, akomeza atya :

- Yewe, ni ubwa kabiri. Hariho ubwo mwigeze kubimpa ariko ntibyatinze.
- Ubu ndumva aho ndi kandi nkanahabura !!!
- =====
- Ibyo mbabwira se, si ku mbaraga zanjye ni ku zanyu.
(ANYESI ATANGIRA KUBWIRA ABANTU BARI AHO, UBUTUMWA YEZU AMUBWIYE KUBAGEZAHO)
- Ngo : UMUTIMA MUBA MUFITE NK'UKO MUBA MWAJE MUMUGANA, NTIMUKAGERE HIRYA NGO MWIRENGAGIZE IBYO YABABWIYE KWIBUKA N'IBYO YABABWIYE KUZIRIKANA. NGO KANDI NIMUGERA IMBERE YE, IGIHE MUHARI NK'UKUNGUKU, NGO MUBA MUTEZE UGUTWI IJAMBO ABABWIRA, NYAMARA MWAGERA HIRYA, AMATWI MUGASA NK'ABAYAVUNYEMO IBITI.
- Ngo : ARABINGINZE MUKORE UKO MUSHOBOYE KOSE, NGO KUBERA YUKO MUGERA NK'AHANTU MUKA., REKA MUKUMVA MWAJE MUFITE GUSENGA NO GUTEGA UGUTWI. ARIKO MWAGERA HIRYA, SI UGUKORA ICYO MUSHATSE MUKIVA YO !!!
- Ngo : YABABWIRA NGO NIMUNKURIKIRE, UTI NJYEWE MBANJE KUJYA KWIREBERA KARIYA ! NGO YABAHAMAGARA ATI NIMUZE MUNSANGA, MUGATANGURANWA MUJYA KURANGIZA UTUNTU TWANYU UKO TURI !
- Ngo : IGIHE RERO MUJE MUMUSANGA KANDI YABAHAMAGAYE ===== NGO NTIMUKAJARAJARE HIRYA NO HINO, NGO NKORE IKI NDEKE IKI ! NGO MUJYE MWIYEMEZA KIMWE.
- Ngo : UBUNDI RERO NGO URUBYIRUUUKO, NGO =====, NGO RWIFITIYE UTUNTU TWINSHI CYANEEEE, NGO TURURANGAZA !!! NGO REKA AMAFIYERI SINAKUBWIRA, NGO RWAYAMAZEYO !!! REKA ABASORE BON GO SINAKUBWIRA ! NGI N'IYO BABONYE IFARANGA NTA =====, AKE KABA KABAYE ! SI UGUTANGIRA GUSHUMIKANA N'ABAKOBWA BEZA SINAKUBWIRA !!!
- Oya =====
- SI UGUTANGIRA KUREBA, UWO ===== UWASHOKOJE IMISATSI MYIZA, REK AUFITE MUNDA HA === !!!
- REKA NGO INKUMI YO NGO NI UKUGENDA YITORERA, NGO NJYE NZAKUNDA URIYA, KUBERA UKWISHITURA KWE !!!
- NGO ===== NGO URIYA NIWE UZANSABA!!!
- Ngo: HAKABA N'UWIFUZA NGO ICYAMPA NGO ANAMVUGISHE BYIBUZE ARI WE!!!
- (Anyesi ati: Ubu se koko ===== ntabwo nabimenya ngo uyu ni kanaka. Ariko ubu ho, uradukoreye!!!) Amaze kuvuga atyo akomeza ubwo butumwa yagendaga asubiriramo abantu uko abumubwiye.
- Ngo: ABABYEYI UBU BARICINYA ICYARA NGO ABAKUZE BO NGO NI INTUNGANE!!! NAHO BYA HEHE!!! NGO KUMVA NK'UBU HARI UBA YAJE, NGO YIRUKIYE KUREBA, NGO "IRYO BONEKERWA RYATEYE DA"! NGO NYAMARA AVUYE AHANDI! NGO HARIHO UBA YAJE YIHAGIYE IBIGAGE, HARIHO UBA AJE AVUYE KWIRAGURIZA; NGO N'IBINDI BYOSE ATAGIYE KURONDORA.
- (Anyesi araseka) Koko waramubwiye uti: MBEGA NZAKUBWIRA KURI 30!!! Iby'urubyiruko ubu ntirwabi =====! Ngo AZARUBWIRA RWIHEREREYE!
N'UKO TUBAYE TUGUSHIMIYE!

- NGO HARAKOZE HATERA ===== TWIRIRWA TUGENDERAMO, TUJYA AHO DUSHATSE HOSE, REKA TWUMVA AMATEURS SINAKUBWIRA!!!
- =====
- None se, ntabwo ..., murantinyuye!
- Ngo HARI N'IKINDI YARI YIBAGIWE KUVUGA: NGO HARI UTWATEYE ABANTU BIYAMBARIRA, NGO KUGIRA NGO BAKUNDE ABANDI BABAKUNDE. NGO NINKAMBARA AZANKUNDA BYANZE BIKUNZE, CYANGWA SE NINKAMUSIGA, NTA KIZAMUBUZA KUNKURIKIRA!!!
- NAHO RERO NGO ABANTU BIKURIYE: NGO I BUNAKA NAHUMVISE IKINTU, KIVUGA KIKAVUGA N'UKO UMUNTU ATEYE, N'UBUZIMA BWE AHO BWASHIRIYE. NGOMBA KUZAKIGENDERA, NKAJYA KUGICURUZA. NIBA MFITE INKA YANJYE, NZEMERA NYITANGE, ICYO KINTU KIZAMBWIRE UBUZIMA AHO BUHEREREYE! NGO NYAMARA NGO UBUZIMA BWANYU =====, NAHO IBYO KU ISI MUKURIKIRA HIRYA NO HINO NGO NIBYO BIBAMENYERA UBUZIMA, NTAHO BIHURIYE!!! NGO UTWO ABANTU BISIGA, NGO KANAKA AZANKUNDA BYANZE BIKUNZE, IMANA NITAMUHA KUGUKUNDA NTAZAGUKUNDA!!!
- =====
- Ngo NYABUNEKA NIMUREKE KWIRUKIRA IBYO BINTU HIRYA NO HINO MUBAZA UBUZIMA BWANYU AHO BUZAGARUKIRA N'AHU BUZAHERERA!!! NGO NIMUMENYE KO IMANA ARI YO IZI UBUZIMA BWANYU; IKAMENYA ICYO YAGENEYE BURI MUNTU. KANDI MUMENYE KO IMANA IYO IJYA KUREMA, IREMA UMUNTU IMUHA N'ICYO AZAYIKORERA, N'INZIRA AZANYURAMO.
- Ngo RERO IBYO BINTU BYOSE, NGO NI IBIBAGUSHA KANDI NTA KINTU BIBAMARIRA. NGO URABYIRUKANKIRA, NONEHO AHO KUJYA IMBERE, UKAVA N'AHU WARI URI!!!
- Ngo HARI UBYAYE UMWANA, YAMARA KUMUBYARA, NGO ATAMUTUYE SEKURU NA SEKURUZA, NGO NTAZABAHO! NGO NGOMBA KUBAMUTURA. YARANGIZA AGATORA AKABANDO, AGATEMBA AGANA I KIRIZIYA!!! ICYO GIHE SE NGO AGIYE KWIYAMBAZA SEKURU NA SEKURUZA, NGO ABA AGENDA AGANA KIRIZIYA KUKI?
- Anyesi abwira Yezu ati ntabwo mubeshya kuko ibyinshi biriho ku isi.
- Ngo IMANA NI IMWE RUKUMBI. Anyesi aramubwira ati babyumvise.
- Ubwo se twazahurira hehe ko umbwiye uti: HARI ICYO URUBYIRUKO ===== NTAVUGIYE AHA.
- Ndumva ..., ubwo se tuzahurira he?
- Nabyo ndabyizeye ubwo muraza kubimpamo programu.
- Ni kera cyane, urebye, Bikira Mariya niwe wabanje kubimbwira. Sinari nzi igihe icyo ari cyo kuko wambwiye uti: IGIHE NIKIGERA NZAKUBWIRA.
- Yabimbwiyeho ati BYOSE UZABISOBANURIRWA.
- =====
- Ko mugiyeye se kubitunguza, ntari nabyiteguye kandi mutabimenyesheje!
- Wari wambwiye uti NZAKUBWIRA IBINTU, KANDI HARI IKINTU NZAGUHA. None nagira ngo mukimbwire.
- =====
- ===== umuntu wese azaba asa nka hariya!
(ABO TWABONANYE BARI I KIBEHO UWO MUNSI BAMBWIYE KO MURI ICYO GIHE ANYESI AMAZE KUVUGA AYO MAGAMBO AREBA MU ZUBA; ABARI AHO BOSE BAHINDUKIYE BAKAREBA MU ZUBA. IZUBA RYARARABAGIRANAGA CYANE; HASHIZE UMWANYA RIKAJYA RIZAMO UTUNTU TW'UDUHU; TUDATUMA UMUNTU AREBA NEZA UBWO BURABAGIRANE BWARYO: BIVUGA KO IYO TURI KUMWE NAWA IMITIMA YACU IBA ITUNGANYE, IGIHE TUTARI KUMWE NAWA NIBWO

HAZAMO IBYO BIHU BIDUHUMA UMUTIMA. TWUMVE UKO ANYESI ABISOBANURA):

- Ubwo urabona umuntu, ku mutima we haba hameze gutyo koko, iteka!!! Harabagira gutyo!!!
- ===== cyaaane! Ariko ubu nimumara gutandukana harazamo nka bene turiya tuntu tugenda tuzamo tuzamo, tw'utuntu ku mutimaaa!!! Turabibasabye rwose nk'uko muvuga muti: NDABISHIMIRA ARIKO NIFUZA KO MWAMPOZA KU MUTIMA WAZABA USA UTYA. Uzabiduhe , uko ubitwifuzaho.
- Mumeze neza cyane. Kandi n'UWABAREBA NTIYABAHAGA!!! N'uwaba afite umutima umeze gutyo kandi nawe, =====.
- Indirimbo: Urukundo ruyititse imitima (Twe abayobokeye)
- Ngo uko ..., ngo NK'UKO NGUKO MWIFUJE KO IMITIMA YACU BURI GIHE IZABA IMEZE GUTYO, GUHERA UBU, NGO TURAKOMEZA, NGO UTWEREKE, NGO KUGEZA IGIHE URI BURANGIRIZE. BIMEZE GUTYA NTA GUHINDUKA. NGO HAMEZE GUTYO AHAGUKIKIJE AHO ARI HO HOSE.
(ANYESI YAVUGAGA UBUTUMWA AHawe KUGEZA KU BANTU BARI AHO: NGO UKO GUHINDUKA KW'IZUBA BIRAKOMEZA KUGEZA IGIHE IBONEKERWA RIRANGIRIRA).
- Nzabikora kandi uko mubinyifuzaho kose. Muzampe n'imbaraga zo kubibatunganyiriza uko mubishaka.
- Ngo UBUNGUBU NI UBU MUMBWIRA. MUKAZASUBIRA KUMBWIRA INSHURO IMWE, MUKAZANSEZERAHU. AHASIGAYE NKAJYA MU NZIRA MUMPA, MUZANTEGEKA.
- Ngo N'UMUBYEYI WANYU AKAZANSURA RIMWE KU ITARIKI TWASEZERANYEHO. AKAZAGARUKA RIMWE RIMWE Nawe AKANSEZERAHU. NGASIGARA NZIRIKANA AMAGAMBO MWAMBWIYE, N'IBYO MWAMBWIYE BYOSE KUZAKORA. KANDI NKAZABAGIRIRA UBWIZERE N'UBWIHANGANE BIKOMEYE.
- NKAZEMERA IMISARABA YOSE NZABONA, KUGIRA NGO MENYE KO ARI IBYANYU ARI MWE BITURUKAHO, ===== , NO KUZAJYA MBYIHANGANIRA IGIHE CYOSE.
- NKAZABAKUNDA KURUSHA ABANDI BOSE; KURUSHA IBYO MU NSI BYOSE; NKAZABIZERA BIKOMEYE CYANE, NKAZABAGIRIRA URUKUNDO UTABONA UKUNTU UGERERANYA.
- Ntabwo ARI NJYE NJYENYINE UBWIRA, N'ABANDI BOSE BAFITE AMATWI YO KUMVA BARUMVIREHO.
- TUKAZAJYA TUMENYA ITEKA KO URI HAGATI YACU, KO URI KUMWE NATWE, KO AHO TURI HOSE, MU BIKORWA, MU BYO TUVUGA, BYOSE UBA UBIREBA KANDI UBA URI HAGATI YACU.
- Ubwongubwo aho mumbwiye, ntaribagirwa muzirikane wa muntu.
- Mwabyibutse, singombye kubisobanura, simuvuze kandi ibyo yambwiraga mwarabirebaga kandi mwarabyumvise.
- Ni benshi cyane bifuzaga kudutuma. Ubu rero ntabwo nabarondora ngo mbarangize. Ubu uturebe, urebe buri muntu wese. Buri wese aba afite IKINTU YAGENEWE N'INZIRA YATEGURIWE. Ubahe uko babyifuzaga. Ariko ntibakore ugushaka kwabo. AHUBWO BAKORE UGUSHAKA KWAVE.
- Mukoze ugushaka kwabo, =====
- ===== muzaduha kukwizera igihe cyose.
- Ahari UKWIKUZA, uzahasimbuza UKWIYOROSHYA.
- Ahari INGESO MBI, uzahasimbuza INZIZA.
- Ibyo ni byo buri muntu wese asaba. Ari mu byo twikuzamo, ari n'ibyo wikubira, ari mu mibereho yacu ari no mu myifatire uko twifashe. Ibyo ni byo buri muntu wese agusaba ngo umuhe KUJYA AGERAGEZA KWICISHA BUGUFI.
- Uduhe kujya DUSHOBOKERA BURI WESE kandi TWUMVE BURI WESE.

- Uduhe kutagukoza isoni no kutagucumurira.
- Ahubwo ni ho bikomeye cyane koko!!!
- Indirimbo: Nyagasani ni wowe roho yanjye irangamiye.
- Nibyo koko. =====
- icyo gihe UZAGUHEMUKIRA KANDI AKANAGUHEMUKAHO, NIWE UZABA YIKOJEJE ISONI; NTA WUNDI AZABA AZIKOJEJE.
- Ngo ariko rero, ngo "umukobwa aba umwe agatukisha bose"! Niko baca umugani!
- Indirimbo: Nyagasani ni wowe roho yanjye irangamiye.
- Murakoze Nyagasani, ubwo mumbwiye ===== Muzambere urugero igihe cyose, kandi ni nako nzaruha abandi.
- ===== ubundi utamukorera ibyo yifuza byose, n'ibyo ashaka byose, kuko TUZABA TWAKIRANA UKUNGUKU.
- Ngo UKO MURUZI BIMEZE KURIYA, NIKO TUZABA NATWE TWEREREZWA === ARIKO ATWEGEREYE SINAKUBWIRA!!!
- Yewe, uyu muni uradushimishije koko. Uturemye agatima! Nanjye ndishimye rwose, ubu ndumva na =====!!!
- Ngo UKO MUHIMBARWA KUREBA IBYO ABEREKA, MUJYE MUHIMBARWA NO KUMVA IJAMBO ABABWIRA! NGO NTIMUGAHIMBARWE NO KUREBA GUSA, NGO UTAHIRE NGO: NABONYE IKI: NABONYE KIRIYA! NGO NYAMARA AHO GUTAHANA IJAMBO AKUBWIYE, UTAHANYE YA NKURU Y'IBYO WABONYE! UKUBAJIJE UTI: IKINTU NABONYE NI KIMWE. AHO WAMUBWIYE IBYO YIFUJIJYE, NGO UBIGEZE NAWA KU BANDI, AHUBWO UKAJYA KUMUSUBIRIRAMO IBYO WABONYE N'AMASO.
- Ngo ICYA MBERE CYA MBERE, IKINTU CY'IBANZE MURI BYOSE, NI UKO IBINTU BIRI. (ICYO UMUNTU) AMBWIRA. KANDI AKAKIVUGA UKO YAKIBONYE. AKAKIVUGA UKO YACYERETSWE, NTACYO AGERETSEHO NTA N'ICYO AGABANYIJEHO.
- Indirimbo: Nzasingiza Imana iteka ryose.

- Murakoze. Mwari mwabimbwiye, ariko njye, nta n'ubwo nigeze mbisohora mu kanwa. N'uwo najyaga nkunda kubwira amakuru ayo ari yo yose, habe ngo naranabimuhingukirije. Kubera yuko wenda nari kubivuga, hanyuma ntibizagire .., nkavuga nti reka da, nti batazabona ko nirata. ===== ariko nkabikomaho agatima.
- ===== ariko ubwo ni mwe mutabishatse, kuko iyo mubishaka, yambajije ibyo mwambwiye icyo gihe, mubwiramo bike, nti ariko hari n'ibindi yambwiye, ariko sinabimubwira.
- =====
- Ni byo byiza na mbere, kudutunguza ikintu, atari cyo twaje turarikiye ===== warakoze ahubwo! Ndabashimiye!
- Watumurikiye bihagije, kandi watubwiye ko WIFUZA BURI WESE KO YAMERA GUTYA. Natwe Nyagasani, turabigushimiye aho turi mu isi. Uzaduhe imbaraga zo kubikurikiza no kubishobora. URADUHE KUJYA TUGUKORERA IBYO WIFUZA BYOSE, KUKO TURI ABANYANTEGE NKEYA.
- Ryari?
- =====
- (Anyesi akoma amashyi. Abantu bari aho babonye ayakomye nabo barayakoma. Akomeza avuga ati): Bavuga ngo ni "amashyi yo ku mutima". Ni wowe ureba ku mutima wanjye uko hameze.
- Baca umugani, ngo uwitonze atora icyabuze!!! Kandi ngo uwihanganye ntiyandura!!!
- Umuntu yihanganira byinshi, akazabona =====
- Yego ntabwo ===== umusaraba, ariko ibyo ari byo byose ...
- Indirimbo: Imana iragahora isingizwa.

- MANA YANJYE NDAGUSHIMA.
- Ntacyo bitwaye.
- Erega n'ubundi, utakurambiwe UGENDA UTANGA BUHORO BUHORO, UKAZAMUGEZA KU CYO WAMUGENEYE!
- TUZIRA KURAMBIRWA KOKO!!!
- Si njye njyenyine. N'abandi bari barambiwe!
- ===== ndabona njye ntari bubabare =====
- Indirimbo: Nzakwamamaza Nyagasani Mana yanjye.
- N'aho nzaba ndi hose, NZAKOGEZA kandi NZAKWAMAMAZA kandi NZAGUSHIMIRA.
- Ndawuguhaye kandi si ubungubu ===== ndawubahaye ibihe byose.
- Murakoze.
- ===== igihe cyose. Iteka mba =====
- Ubu urumva nabisubiramo, umuntu ntabone ko ari ukwirata gusa !
- Nanjye nzakora uko nshoboye kose, nkoreshewe n'imbaraga zanyu zose, kubakorera uko mubinyifuzaho kose. Ariko si ku bwanjye, NZAFASHWE N'IMBARAGA ZANYU, AHO NZABA NDI HOSE.
- NDUMVA MUTAGENDA ! MWAKOMEZA MUKIGUMIRA AHA! ===== ubu se ndababwira iki?
- Ngo IKINTU ABASABYE KANDI ABABWIYE GUSABA, MWISABIRA KANDI MUSABIRA N'ABANDI: NGO IKINTU ABABWIYE GUSABA, MUSABE IMBARAGA ZIKOMEYE. KUGIRA NGO IBINTU MWABONYE, MWERETSWE, MWO KUZABIPFUSHA UBUSA, **BIZAGIRE ICYO BIBASIGIRA**. MUSABE URUKUNDO RUKOMEYE, KUGIRA NGO MUZAGIRE URUKUNDO RUSHYITSE NTA BURYARYA MUFITE. KUGIRA NGO MUMWEREKE KO MURI ABANA BE KOKO MUTAZAMWITANDUKANYAHO. NGO UKO ABIZERA, NAMWE MUJYE MURUSHAHO KUMWIZERA.
Ngo mbese ARABIZERA, ARIKO MWEBWE MURAMUHEMUKIRA.
Ngo UFITE INGABIRE, IYO YAHAWAWE, IYO ARI YO YOSE, AGERAGEZE UKO ASHOBOYE, YABA ARI IMISARABA AHURA NAYO, YABA ARI IBINTU BYINSHI AMUNYUZAMO, KUMWIZERA KUKO ARI WE BYOSE BIBA BITURUKAHO, ABIMUTURE AHO ARI HOSE, AZABA AMUREBA KANDI AZABA AMWUMVA.
NGO NTIHAZAGIRE UHANGAYIKA NGO AVUGE NGO =====, CYANGWA SE NGO BIKIRA MARIYA AZA=====, NGO =====, NGO NTIHAZAGIRE UBIVUGA AJYE AMENYA KO BURI MUNTU WESE ARI CYO YAMUGENEYE, KANDI ARI CYO YAMUREMEYE.
ARI INZIRA YAMUNYUJEMO.
Ngo UWABA YARISHYIZE MU NZIRA YO **KUMUKURIKIRA NO KUMUKORERA**, NGO AMUTUNGANYIRIZE UKO YABISEZERANYE. NGO NTA BURYARYA MUSHYIZEHO CYANGWA NGO MUKORESHE =====
Ubundi ngo ABASABYE KUGIRA NGO MUSABE IMBARAGA, UBWITONZI, URUMURI N'UBUSHISHOZI.
- Ngo ICYA MBERE ICYA MBERE MURI BYOSE, MUGASABA URUKUNDO RUTARUTWA. Ngo IBYO, NGO NIYO NGINGO YA MBERE. URUKUNDO ngo NTA KUMWITANDUKANYAHO NA RIMWE. Ngo IBISIGAYE AZAJYA ABIBAGEZAHU BUHORO BUHORO.
- Ibyongibyo mwambwiye byose nabyumvise, n'inzira mwambwiye zose nazumvise.
- Muzababwira ryari?
- Kuri 18 z'ukwa munani.
- Urabisobanure neza kuko harimo abumva nabi, bagatwara ibintu nabi.
- KURI 18 Z'UKWA MUNANI NIBWO MUZAMPA UBUTUMWA MPA URUBYIRUKO RWA KIBEHU.
- Mwebwe se mukazagaruka ryari?

- MUKAZAGARUKA KURI 29 Z'UKWA MUNANI, MUKANSEZERAHO **BWA NYUMA**.
- icyo ngusabye, ntumuzajye =====
- =====
- Indirimbo: Ndagiwe n'umushumba mwiza.
- =====
- Anyesi atera aya masengesho:
 - Yezu ugira ubupfura n'imico myiza
 - Dawe uri mu ijuru.
 - Isengesho ryo kwicuza ibyaha.
 - Ndemera Imana Patri.
 - Hubahwe (x2)
 - Nemereye (ndishinja) imbere y'Imana ishobora byose.
 - Bikira Mariya Nyirimpuhwe.
- Indirimbo: Nyagasani, tuza roho yanjye iruhande rwawe mu mahoro.
- Mutaragenda nari nibagiwe kubabwira kandi no kubasaba: (AHANGAHA, ANYESI YABAJIJE YEZU IBIBAZO NKA 2 CYANGWA 3 NTASHOBOYE KUMVA NEZA).

IBONEKERWA RYARANGIRIYE KURI AYA MAGAMBO, ANYESI YITURA HASI, UBWO AKURIKIRWA N'UNDI MWANA WABONEKERWAGA N'UMUBYEYI BIKIRA MARIYA.